# 42: Mfit' amahor' i Gologota

1. Mfit' amahor' i Gologota,.Ni ho Yesu yanyitangiye. Ni naho mfit' ubuhungiro, Kwa Yesu wabanje kunkunda.

2. Simparanir' ubwiza bw'isi, Kukw isi yuzuyemw ibyaha. Ahubwo mfitiy' agakiza,
Mu nkovu za Yesu Mukiza.

3. Ni we wadutuy' imitwaro, Yaciy' imigozi y'ibyaha. Nejejwe n'agakiza mfite,
Kavuye mw ijambo ry' Imana.

4. Ijambo ry'Iman' Ihoraho, Rituber' ibyo kurya byera. Ni ryo mbaraga yo
gufasha, Umukristo mu rugendo.

5. Nabay' urusengero rwera, Ntuwe mo n'Umwuka w'Imana. Nsigaye nyoborwa na
Yesu, Mu nzira y'isezerano rye.

6. Nawe munyabyaha, tebuka.Kwa Yesu Mukiza wa bose. Akurambu riy' amaboko
Y'Urukundo, yo ku gufasha.

Visit us at indirimbo.com